



Ibirimo

1. Ijambo ry'ibanze
2. Ibyagezweho mu myaka 7
3. Ibyiza byo kuba indashyikirwa
4. Umuco nyarwanda nk'imwe mu mpano z'abana
5. icyo Elite Parents School irusha andi amashuri
6. Tumenye ibipimo ngenderwaho mu gusoma Ikinyarwanda
7. Ils arrivents en pleurant et ils rentrent en souriant
8. Une education familiale, pierre angulaire
9. Uruhare rw'umubyeyi mu myigire y'umwana
10. Elite Morning
11. Sport promotion Elite Parents School

Ubutumwa ku basomyi b'aka kanyamakuru

Basomyi b'aka kanyamakuru Elite Magazine;

Komite y'ubwanditsi bw'aka kanyamakuru igizwe n'abarimu bose bigisha ku kigo ari nabo bagira uruhare mu kwandika no gutoranya inkuru zijyamo.



Abarezi n'abayobozi ba Elite Parents School

Tunejewe no kubagezaho numero ya kabiri y'aka kanyamakuru k'Ishuri Elite Parents School. Iyi numero ikubiyemo bimwe mu byagezweho mu mwaka w'amashuri 2023 – 2024, inyandiko zikubiyemo inama zafasha ababyeyi kwita ku bana babo, ndetse n'izindi nama z'abarezi b'Ikigo zifasha mu guteza imbere uburezi bufite ireme.

Muri rusange, aka kanyamakuru gafasha abana kumenya uburyo bwo kwo kwandika inkuru zifite ireme, ndetse mu myaka izaza bakazajya bagira uruhare mu kwandika no gusohoramo inkuru zabo.

Uyu mwaka wa 2023 – 2024 waranzwe n'ubwitabire bwo hejuru ku banyeshuri bashya aho twakiriye abanyeshuri barenga 60% by'abanyeshuri bari basanzwe.

Uyu mwaka kandi wabaye imbarutso yo kwagura ibikorwa by'ishuri ku buryo bugaragara haba mu kwagura aho ishuri rikorera, kugura ibikoresho mfashanyigisho, kwagura ishuri mu buryo bwo kwigisha n'ibindi.

Aka kanyamakuru kazababere umuyoboro wo kumenya ibikorwa by'ishuri, ndetse n'uruhare abanyeshuri bagira mu kwagura intekerezo zishingiye ku burere n'ubumenyi bahabwa.

Tubashimiye uruhare rwanyu mu bikorwa byose bigamije guteza imbere uburezi bw'abana bacu.

Murakoze.

Ubwanditsi bw'Akanyamakuru

Ibyagezweho n'Ishuri mu myaka 7 (2017 – 2024)

Elite Parents School ni Ishuri ryigenga ritanga uburezi ku kiciro cy'amashuri y'incuke n'ikiciro cy'amashuri abanza. Abana umunani (8) ba mbere bakiriwe muri iri shuri ku wa mbere, tariki ya 23/02/2017, nyuma yaho abandi bana bagiye biyongera, dusozanya umwaka w'amashuri n'abanyeshuri 18.

Iri shuri ryubatswe n'ababyeyi bavuka kandi batuye mu Murenge wa Gacurabwenge, bakaba bari bafite intego yo gushaka aho abana babo ndetse n'abana b'abaturanyi biga kandi bakigira ku bipimo nk'iby'abandi banyeshuri biga mu mashuri akomeye.

Mu gutangira iri shuri ntibyari byoroshye cyane ko aho ryubatswe mu Mudugudu wa Nyagasozi, Akagari ka Gihinga mu mwaka wa 2017 hari mu cyaro, hadatuwe, hari mu bihuru, nta mihanda, nta mazi, nta mashanyarazi, byumvikane ko nta n'abantu benshi bari bahatuye uretse abahavukiye nabo batuye mu buryo bwa gakondo.

Kugira ngo Ishuri ribeho kandi rigire umurongo byasabaga ko abarishinze bashyiramo ingufu nyinshi kugirango ababyeyi bazabashe kurigana.

Muri iyi myaka irindwi ishize, hari byinshi Ishuri ryagezeho ku buryo bushimishije, bimwe muri byo twavugamo ibi bikurikira:

Kubaka ibikorwa remezo by'Ishuri

Muri iyi myaka irindwi, ababyeyi benshi bariruhukije kuko babonye aho abana babo biga kandi badakora urugendo rurerure ndetse n'ikiguzi cy'uburezi kikaba kidakanganye. Kugeza muri uyu mwaka wa 2024, Ishuri ryabashije kubaka ibyumba byo kwigiramo 9, Ibiro byo gukoreramo, icyumba cy'ikoranabuhanga, ubwiherero bwinshi, kugura ibigega bifata amazi. Ishuri kandi ryashyizemo imbaraga mu kwagura aho abana bazajya bakinira hisanzuye. Ibi byatumye abana bava kuri 18 mu mwaka wa 2017 bagera kuri 349 mu mwaka wa 2024.



Abanyeshuri bavuye ku 8 muri 2017 bagera kuri 349 mu mwaka wa 2024.

Guhanga imirimo

Iri shuri ryahanze imirimo myinshi ku bakozi bahakora umunsi ku munsi (30), abatwara abana n'imodoka zabo (7), abigisha umukino wa Karate (5), abatwara abana kuri moto n'amagare, abakozi bahawe akazi ko kuzajya bazana abana bakaza no kubasubizayo, abaturage bubaka amashuri n'ibindi bikorwa by'ishuri, abaturage bagemura ibiribwa n'ibinyobwa, abafasha ababyeyi kwishyura amafaranga y'ishuri, n'indi mirimo myinshi yashinzwe kubera kubaho kw'iri shuri.

Kwihutisha imiturire

Nyuma y'uko Ubuyobozi bw'Akarere ka Kamonyi bwemeje ko Nyagasozi izaba Site yo guturaho, by'umwihariko ikanemeza ko ubutaka Ishuri ryubatsweho bugenewe ibikorwa bigamije guteza imbere imibereho myiza, byakuruye ababyeyi benshi kuza gutura hafi y'Ishuri, mu rwego rwo kurinda abana babo gukora ingendo ndende. Muri uyu mudugudu wa Nyagasozi, hamaze guturwa n'abantu benshi, kandi bakomeje kwiyongera.

Kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere

Ishuri kuva ryatangira, ryakomeje kugira uruhare mu bikorwa by'iterambere rusange. Muri byo twavugaga nko gutanga imisoro n'amahoro biteganywa n'amategeko, gufasha ababyeyi bafite

ibibazo byo kwishyurira abana babo, kugira uruhare mu kubaka ibikorwa remezo mu mudugudu (ibiro by'umudugudu), gukora umuganda, n'ibindi...

Imitsindire y'abanyeshuri iri hejuru

Guhera mu mwaka wa 2019 nibwo Abanyeshuri batangiye kwitabira gukora ibizamini ku rwego rumwe nk'urw'abandi banyeshuri biga mu mashuri abanza. Mu myaka yose abanyeshuri ba Elite Parents School batsindira ku mpuzandengo y'amanota ari hejuru ya 92% mu bizamini bitegurwa n'Ikigo, by'umwihariko, dushingiye ku bipimo by'imitsindire mu bizamini bisoza igihembwe cya 2 byateguwe n'Akarere, Ikigo cyatsindiye ku manota 99% ku bana biga mu mashuri abanza (P1 – P5). Ibi biratanga ikizere ku babyeyi ndetse n'ubuyobozi bw'ishuri ko imfura z'ishuri zizitwara neza mu bizamini bisoza ikiciro cy'amashuri abanza mu mwaka utaha wa 2024 – 2025.

Inshamake y'imitsindire mu bizamini bisoza umwaka w'amashuri 2023 – 2024

Class	100- 60%	59 - 50%	49- 0%	Total
P1A	32	0	0	32
P1B	32	0	0	32
P2	34	2	0	36
P3	29	4	1	34
P4	29	1	0	30
P5	12	0	0	12
Total	168	7	1	176
%	95	4	1	100



Aba banyeshuri biga muri P5 batsinze ibizamini bisoza igihembwe cya 3, 100%

Mu gusoza ntitwabura kuvuga ku nzitizi twahuye nazo muri uru rugendo. Zimwe muri zo ni uguhenda k'ubutaka bwagenewe ibikorwa by'ishuri, imyumvire ya bamwe mu babyeyi bazanaga abana kwiga ariko bakanga kubishurira amafaranga y'ishuri, ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa byagiye bizamuka cyane bikaba inzitizi yo kwihaza kw'ishuri mu bikorwa bitandukanye, imikorere ya bamwe mu bakozi idahwitse, icyorezo cya COVID- 19,...

Guteza imbere ikoranabuhanga

N'ubwo Ishuri ritaragera kuri mu bikorwa by'ikoranabuhanga, muri iyi myaka irindwi, twishimira ko nibura abarimu bahuguwe mu kwigisha bakoresheje ikoranabuhanga kandi bakaba barikoresha mu kazi kabo ka buri munsu. Ishuri mu bushobozi bwaryo bwaguriye imashini (Laptops) abarimu ngo bajye bazifashisha bategura amasomo n'amabazwa atandukanye. Ikindi kandi abana batahana impapuro zicapwe neza ku buryo babasha gukora ibintu byinshi kandi vuba.



Ubushobozi bw'ishuri bushakisha abafatanyabikorwa baza kwigisha abarimu ikoranabuhanga mu myigishirize

Mu gusoza, turashima ababyeyi bose bazanye abana kwiga kuko hari ubumenyi bahawe kandi bwiza, turashima abanyeshuri bose yaba abahiga ndetse n'abatakihiga, abarezi n'abakozi bunganira, turashimira Ubuyobozi bwa Leta bwemeye ko dutangiza iri shuri kandi bukadushyigikira mu kuduha ibyangombwa byose bikenewe, kuduha inkunga zitandukanye, kwifatanya natwe mu birori byo kwizihiza ibyagezweho, n'ibindi.

Ibiteganyijwe mu myaka itanu (2024 – 2029)

Mu myaka itanu iri imbere Ishuri rirateganya ibi bikurikira:

1. Kongera umubare w'ibyumba by'amashuri

- a) Kubaka ibindi byumba 6 by'amashuri y'inshuke
- b) Kubaka ibindi byumba 4 by'amashuri abanza

2. Kubaka ubushobozi bw'abakozi

- a) Gutegura amahugurwa ahoraho y'abakozi
- b) Gukurira abarimu ibikoresho by'ikoranabuhanga
- c) Gushyigikira abarimu mu rugendo rwo kwihaza ku mari
- d) Gukora ingendo shuri zo kwigiranaho (Peer learning)

3. Guteza imbere imikino n'imyidagaduro

- a) Kubaka ibibuga by'imikino (football, basket/volleyball), hand ball, atheltisme, imikino gakondo)
- b) Gutegura no kwitabira ibikorwa by'imikino, imyidagaduro n'umuco (amarushanwa, ingendo shuri)
- c) Guteza imbere siporo rusange hagati y'abarimu, abanyeshuri n'ababyeyi.

4. Guteza imbere ikoranabuhanga

- a) Kwigisha abanyeshuri hifashishijwe ikoranabuhanga
- b) Gufasha abana kwihangira ibikoresho by'ikoranabuhanga
- c) Gutegura ingendo shuri mu kwagura ubumenyi bw'abanyeshuri mu ikoranabuhanga

5. Kwagura ubumenyi

- a) Gutangiza Ikiganiro "Umutumirwa"
- b) Kuvugurura ibiganiro bya mugitondo
- c) Guteza imbere umuco wo gusoma no kwindika ibitabo
- d) Guteza imbere Clubs z'abanyeshuri
- e) Gutegura umunsi w'imurikabikorwa (Open Days) ku byakozwe n'abanyeshuri
- f) Guhamba abanyeshuri babaye indashyikirwa

6. Guteza imbere isuku n'umutekano

- a) Gushyiraho no guhugura Komite ishinze isuku n'umutekano w'Ikigo
- b) Gutoza abana kwikorera isuku y'ibanze
- c) Gutera ibiti ku nkengero z'Ikigo
- d) Kubaka urugo rw'Ishuri
- e) Kongera ubwirinzi bw'Ikigo

7. Guhanga imirimo

- a) Ikigo kizahanga imirimo mishya nibura 100 (abarimu, abakozi bunganira, abashoferi, abatwara abana, abagemura ibiribwa, abubaka,...)
- b) Ikigo kizaba kibasha kwakira abanyeshuri 800.

Ibyiza byo kuba indashyikirwa muri Elite Parents School

Ubuyobozi bwa Elite Parents School bushyigikiye byimazeyo umuco w'ubudashyikirwa mu rwego rwo gushyira mu bikorwa intego yayo (Jusqu' à l'excellence). Buri mwaka, Ishuri rihemba abanyeshuri babaye indashyikirwa bitewe n'ubushobozi buhari.

Mu bizamini bisozwa umwaka w'amashuri 2022 – 2023, abanyeshuri bakurikira babaye indashyikirwa mu mashuri bigagamo, ku buryo bukurikira:



Atete Bella Fleurette (P1), Ishami Nshuti Chretien (P2), IGIHOZO Eliska Tailla (P3), Ndanga Noah (P4)

Turashimira ababyeyi b'aba bana, ubuyobozi bw'Ishuri bwatanze iby'ingenzi ngo abana bige neza, abarezi bitanze ngo abana bagere kuri uru rugero, ndetse n'abandi bose babafashije. Mu rwego rwo kubashyigikira, Ubuyobozi bwabahaye ibihembo bitandukanye ndetse bubakuriraho amafaranga y'ishuri mu gihembwe cya mbere cy'umwaka w'amashuri 2023 – 2024. Iyi gahunda kandi izakomeza.

Guteza imbere umuco nyarwanda, imbarutso yo kumenya impano zihishe mu banyeshuri

Iyi nkuru yanditswe na Gildas IRANKUNDA (P2)

Umuco ni iki?

Ijambo *umuco* rikomoka ku nshinga «*guca*», akaba ariyo mpamvu bagira bati: “Uyu mwana afite ingeso nziza aca kuri se cyangwa kuri nyina”. Ibi bisobanura ko umuco ari ibyo dukomora ku batubanjirije.

Ariko kandi, twavugaga ko *umuco* ari uruhurirane rw’uburyo n’ubushobozi abantu bubaka amateka y’imibereho n’imibanire byabo bahereye ku bumenyi bakomora ku bakurambere babo.

Ubwo bumenyi bugaragarira mu bugeni, ubuhanzi, ururimi n’amarenga bakoresha mu kuganira no guhererekanya amakuru cyangwa gutumanaho. Ibyo byose bikababera nk’igicumbi k’imihango n’imigenzo bemeranywaho, ibafasha kubaho, kwitwara neza no gukora ibikwiye mu muryango.

Umuco w’umuntu ntuvukanwa, ahubwo uratozwa. Utandukanye na kameremuntu kuko wo ari imyitwarire, imitekerereze, ubumenyi, imyemerere umuntu agenda ahererekanya n’abandi bitewe n’ahantu batuye, amateka yabo n’ibibakikije. Ni na wo uyobora abawusangiye mu ruhando rw’amahanga, bigatuma abenegihugu bagira uko bateye n’imyifatire ibatandukanya n’abandi

Ahigirwaga umuco

Nk’uko twabisobanuye umuco w’umuntu ntuvukanwa, ahubwo uratozwa, ni muri urwo rwego hari aho abanyarwanda batorezwa umuco. Ahambere h’ibanze ni mu *muryango, mu mashuri, mu itorero, no mu rubohero*. Mu muryango niho umuntu atorezwa umuco w’ibanze navuga: ururimi, ubupfura, ubuhanzi n’ubugeni.

Abanyarwanda bati: « Agahugu katagia umuco karacika. »

Mu guteza imbere umuco nyarwanda, *Elite Parents School* yashyizeho itorero ry’ishuri, aho nyuma yo kwigishwa ubumenyi rusange harimo n’ururimi rw’ikinyarwanda abana batozwa kubyina imbyino gakondo ziri mu biranga umuco nyarwada. Ubu muri *Elite Parents School* dufite itorero rifite abana bafite impano, yaba abaririmbyi, abakaraza, n’abavugaga imivugo.

Kubera iyo mpamvu ishuri ryacu rya *Elite Parents School* ryitabiriye ku nshuro yaryo ya mbere amarushanwa y’umuco mu mashuri abanza n’ayisumbuye mu mwaka wa 2023-2024. Aya

marushanwa yateguwe n’urwego rw’igihugu rushizwe guteza imbere umuco. Insanganyamatsiko yagiraga iti: **«Imiyoborere myiza umusingi w’iterambere.»**

Muri ayo marushanwa y’umuco hari hateganijwe ibikorwa bikurikira: imbyino, indirimbo n’imivugo. Amarushanwa yatangiye ku rwego rw’umurenge tariki ya 03 Gicurasi 2024, abera mu ishuri ryisumbuye ryitiriwe **Mutagatifu Bernadette (E.S.B Kamonyi)**, aho Elite Parents School yaje ku mwanya wa mbere mu mivugo no ku mwanya wa kabiri mu mbyino n’indirimbo. Dutahana itike yo kwitabira amarushanwa ku rwego rw’akarere.



Itorero rya Elite Parents School ryabaye irya Kabiri ku rwego rw’Akarere ka Kamonyi mu marushanwa y’umuco

Ku wa 26 Gicurasi 2024 nk’ i saa mbiri (8h00), nibwo ishuri rya Elite Parents school ryahagurutse twerekeje ku ishuri rya **Rosa Misitica** ahagombaga kubera amarushanwa ku rwego rw’akarere. Aho Elite Parents School yaje ku mwanya wa kabiri mu mbyino duhabwa n’ishimwe (certificate). Tunabona tike yo gukomeza amarushanwa ku rwego rw’Intara y’Amajyepfo.

Si iryo shimwe ryo kwitwara neza mu mbyino gusa kuko no kuvuga umuvugo twaje ku mwanya wa gatatu , duhabwa n’ishimwe (certificate).

Nyuma yo gushyiraho itorero ry’ishuri mu rwego rwo guteza imbere umuco, nk’ubuyobozi bw’ishuri n’abarezi byatubereye uburyo bwo gutahura impano zinyuranye abana bifitemo. Dukomeze dusigasire umuco wacu cyane cyane duhereye mu muryango. Babyeyi tubashimira ubufatanye bwanyu kandi dukomeze kurushaho gufasha abana gutahura impano bifitemo.

Ibyiza byo kwiga muri Elite Parents School

Iyi nkuru yanditswe na MUJAWIMANA Agripine (P3)

Elite Parents School ni ikigo cy’amashuri cyubatswe mu Karere ka Kamonyi, Umurenge wa Gacurabwenge, Akagari ka Gihinga, Umudugudu wa Nyagasozi; mu ntera ngufi cyane uvuye ku muhanda wa kaburimbo. Iri shuri ritanga uburezi mu byiciro bibiri: ikiciro cy’amashuri y’inshuke (Nursery section) n’ikiciro cy’amashuri abanza (Primary section).

Nk’uko gahunda ya Leta ibiteganyye, amasomo atangira saa 8:45, ariko abanyeshuri batangira kugera ku ishuri saa 7:30, bakakirwa neza n’abakozi bashinzwe kubaha ikaze amasomo agatangira abanyeshuri bari mu mwuka mwiza wo kwiga, abiga mu Kiciro cy’inshuke bataha saa 12:20, naho abiga mu mashuri abanza bagataha saa 17:00.

Mu bijyanye n’amasomo, abanyeshuri bafashwa uko bikwiriye n’abarimu babo kandi buri munyeshuri ahabwa umwanya wo kugira uruhare mu masomo ye hifashishijwe uburyo bwo kwiga dukora. Muri Elite Parents School tugira abakozi n’abarezi bakunda umurimo ari byo bidufasha kugera ku ntego yacu yo kuba ku ruhembe rw’imbere mu mitsindire bigatera n’abana n’ababyeyi gukunda iki kigo cy’amashuri.

Tugiye kuvuga ibyiza by’iri shuri byo ni byinshi; gusa navuga nk’imitangirwe y’amasomo. Abarezi babihuguriye kandi bakunda umurimo bakorana imbaraga zose mu gutanga amasomo uko bikwiriye kandi bagaha buri munyeshuri umwanya wo gushyira mu bikorwa ibyo yize. By’umwihariko kandi abanyeshuri bese bafatira ifunguro ku ishuri. Ubuyobozi bushinzwe imibereho y’abanyeshuri bukora ibishoboka ku buryo abana bafata amafunguro yuzuye intungamubiri, ibitera imbaraga ndetse n’ibirinda indwara.

Kuri iri shuri kandi haba clubs zitandukanye harimo club y’imbyino gakondo, club y’imyitozo ngororangingo. Muri ayo ma clubs abana baridagadurira binyuze mu mukino wa karaté ndetse n’umupira w’amaguru. Ibi kandi ntabwo bizagirira umumaro aba bana ku ishuri gusa ahubwo bizanabafasha mu buzima bwo hanze y’ishuri cyane ko siporo n’imyidagaduro ari isoko y’ubuzima bwiza. Ikindi kandi, umunyeshuri wiga muri Elite Parents School arangwa n’ikinyabupfura kandi tuzi neza ko ikinyabupfura ari inkingi ikomeye mu burezi. Ibi tubikesha abarezi n’abayobozi beza. Ibyo rero bitanga icyizere ko aba banyeshuri turerera Imana n’igihugu bazavamo abayobozi beza n’ababyeyi beza bityo tugakomeza kwiyubakira ejo heza huje ibyiza.

Sinasoza ntavuze ubudasa ikigo cya Elite Parents school cyihariye: abanyeshuri bo muri iki kigo baba bafite ubushobozi bwo kuvuga no kwandika neza indimi mpuzamahanga ebyiri ari zo igifaransa n'Icyongereza by'umwihariko bakaba intyoza mu rurimi rw'ikinyarwanda. Ibi bitera ababyeyi kwifuza kurerera muri iki kigo. Imyitwarire myiza y'abana ni indi ngingo nziza inezeza ababyeyi baharerera ndetse n'abarezi ubwabo b'abo bana. Abana batozwa umuco wo gusabana imbabazi kandi bakagira igihe cyo kwiga ijambo ry'Imana buri gitondo mbere yo kwinjira mu ishuri. Iyi migenzereze ibubakamo indangagaciro za gikristo ndetse n'indangagaciro z'umuco nyarwanda muri rusange.

Nk'uko twabivuze haruguru, iri shuri rifite ibyiza byinshi utasanga ahandi ikaba ari yo mpamvu dushishikariza abana bose kuza kwiga muri Elite Parents School kuko bazahabona ibyiza byinshi utasanga mu yandi mashuri.

Tumenye ibipimo ngenderwaho mu gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda

Iyi nkuru yanditswe na INGABIRE Daphrose (P2)

Ibipimo ngenderwaho ni uburyo bwifashishwa mu gusoma Ikinyarwanda bwerekana urwego umunyeshuri agezeho mu gusoma neza ururimi rw'ikinyarwanda. Ni ibipimo byerekana urwego umunyeshuri yumvaho ururimi rw'Ikinyarwanda. Umunyeshuri ugitangira gusoma apimirwa nibura ku gusoma amagambo kuva kuri rimwe kugeza ku magambo atandatu mu munota, akabarirwa mu rwego rw'ibanze. Abari mu rwego ruciriritse basoma kuva ku magambo arindwi kugeza ku magambo icyenda mu munota. Abari ku rwego rukwiriye basoma kuva ku magambo icumi kugeza kuri 20. Abari ku rwego rw'ikirenga basoma kuva ku magambo 21 kujyana hejuru. Abo babarirwa mu biga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza. Bayasoma mu gihe kingana n'umunota umwe.

Naho ku biga mu mwaka wa kabiri, umwana uri ku rwego rw'ibanze asoma amagambo kuva kuri rimwe kugeza ku magambo icyenda mu munota. Abari mu rwego ruciriritse basoma amagambo kuva ku icumi kugeza kuri 24 mu munota. Abari mu rwego rukwiriye basoma umubare w'amagambo kuva kuri 25 kugeza kuri 35 mu munota. Naho abari mu rwego rw'ikirenga basoma amagambo kuva kuri 36 kujyana hejuru mu munota umwe.

Abiga mu mwaka wa gatatu : abari mu rwego rw'ibanze basoma umubare w'amagambo kuva kuri rimwe kugeza kuri 17 mu munota.

Abari mu rwego ruciriritse basoma amagambo kuva kuri 18 kugeza kuri 39 mu munota. Abari mu rwego rukwiriye basoma umubare w'amagambo kuva kuri 40 kugeza kuri 50 mu gihe kingana n'umunota.

Abari mu rwego rw'ikirenga basoma amagambo kuva kuri 51 kujyana hejuru mu munota umwe.

- Igipimo fatizo ku biga mu mwaka wa mbere ni amagambo icumi mu munota.
- Igipimo fatizo ku biga mu mwaka wa kabiri ni amagambo 25.
- Igipimo fatizo ku biga mu mwaka wa gatatu ni amagambo 40 mu munota.

Ibipimo ngenderwaho rero ni uburyo bugenderwaho n'ushaka kumenya urwego umwana agezeho kugira ngo umwarimu abone uko amufasha ngo agere ku rwego rwisumbuye. Ibipimo bidahari mwarimu cyangwa undi muntu ushaka gufasha umwana ntiyabona aho ahera. Ibipimo ngenderwaho ni ingenzi. Babyeyi mukwiye kwifashisha ibi bipimo mu gukurikirana uko abana bamenya gusoma mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ils arrivent en pleurant, ils rentrent en souriant

Article de Salima Kapuku Colette (MIA)

Cette affirmation nous fait penser aux pleurs avec lesquels les enfants quittent leurs parents quand ils viennent à l'école. C'est une réaction face au monde inconnu pour eux jusqu'alors. Bientôt, ils découvrent néanmoins, à la suite d'un bon accueil de la part du personnel scolaire, que l'école est un endroit merveilleux, rempli d'aventures et d'apprentissages.



Les élèves de la première année maternelle B

L'enfant se sent inclus à la suite de la compréhension et l'encouragement de la maitresse ; ce qui renforce sa confiance en elle. Les activités scolaires et ses aventures avec ses collègues de classe lui créent la joie et ainsi rentre-t-il en souriant en s'attendant à vivre de la même façon le jour suivant.

Le passage des pleurs aux sourires illustre une journée remplie de découvertes et riche en émotions suite aux interactions sociales et positives que l'enfant a eues ; ainsi confirme-t-on que les enfants arrivent en pleurant et rentrent en souriant.

Une éducation en famille, une pierre angulaire de la réussite

Article de Naomi Kituza Joviale (M2)

La famille est la source des connaissances de base qui sont comme une fondation de l'éducation globale. En famille l'enfant apprend tant de choses merveilleuses. La réussite des enfants repose sur une fondation solide où l'école et la famille jouent un rôle essentiel pour le succès de l'enfant quel qu'il soit dans le contexte scolaire ou dans la vie normale.

A l'école, les enseignants guident les enfants avec passion et détermination. Ils transmettent non seulement des connaissances académiques mais également l'inspiration de créativité et le sens de partage. Chaque jour, les enfants grandissent sous leur bienveillance, découvrant de nouvelles compétences et ainsi développant leur confiance en eux-mêmes.

A la maison, les parents sont les premiers éducateurs de leurs enfants. Ils les soutiennent dans leurs études et les encouragent à explorer leurs passions et à surmonter les obstacles. Aussi les consolent dans les moments difficiles. Les parents travaillent ensemble avec les enseignants pour créer un environnement propice où les enfants se sentent aimés, soutenus et inspirés à apprendre pour grandir mentalement. L'éducation donnée au sein de la famille sert la base de toute autre connaissance intellectuelle tant que morale données aux enfants ; juste comme la pierre placée dans l'angle d'une maison joue un rôle important dans la fortification d'une maison.

Ababyeyi ni inkingi ya mwamba mu myigire n'imitsindire y'abana

Iyi nkuru yanditswe na UMUHIRE Pascasie (P1A)

Ubufatanye bw'umubyeyi n'umurezi bugomba kugaragara kandi mu buryo bufatika. Umubyeyi ni umwe mu bafatanyabikorwa b'ibanze mu gufasha umwana kwiga no gutsinda neza. Uruhare rw'umubyeyi ni ndasimburwa mu mitsindire y'umwana kuko uburezi ni we buheraho amuha ibikoresho by'ibanze bimufasha kwiga, kumwishyurira amafaranga y'ishuri, kumuha inama z'ibanze, amuha impanuro n'uko agomba kwitwara mu myigire ye kugira ngo agere ku ntsinzi. Ababyeyi bagomba gufasha abana no kubayobora mu buzima bwa buri muni kuko biri mu nshingano zabo kubabera inkingi impande zose.

Umubyeyi ni we ugomba kumenya uko umwana yabyutse, akamutegura maze akamwohereza ku ishuri. Ni nawe kandi ugomba gukurikirana akamenya aho umwana ahagaze; bityo aho bitameze neza yahamenya, akahatinda kugeza igihe habonetse igisubizo gikwiriye ikibazo cyabonetse maze umwana akunganirwa mu buryo bumugeza ku ntsinzi. Mu kinyarwanda bavuga ko "Umwana apfa mu iterura." Ababyeyi bagomba gukurikirana umwana akiri muto, bakamutoza ibikwiriye ikigero cy'imyaka ye y'ubukuru; kandi umwana na we iyo abonye ko ababyeyi bamukurikirana, bimutera umuhati wo kurushaho gukora neza maze bikamuhesha intsinzi.



Mu nama rusange, ubuyobozi bw'Ishuri bwibutsa ababyeyi uruhare rwabo mu myigire y'abana.

Mubyeyi, fata umwanya wo kuganira n'umwana no kumubaza ibyo adasobanukiwe kugira ngo umenye ubufasha ushobora kumuha. Fata na none igihe cyo gusura ishuri umwana wawe yigaho, uvugane n'abarezi bamwigisha buri muni kugira ngo umenye ibirenze ibyo umwana ashobora kukubwira; ibyo byose bizaguha uburyo bukwiriye bwo gufasha umwana wawe. Mubyeyi, itondere na none imyitwarire ugaragariza imbere y'umwana wawe. Imyitwarire yawe iha agaciro ibyo umwana akora no kumutera ubutwari mu byo akora ni yo izamuzamura atekereze ko ashobora no kuba indashyikirwa mu byo akora.

Elite morning, the backbone of pupils' self-expression

Article by Albert Nshimiyimana (P4)

Elite morning is a routine in our school. The pupils, teachers, Director of Studies, and sometimes the Headmaster, gather in a common ground to prepare a positive beginning of the day. This starts at 08h20 am till 08h45 am every day, from Monday to Friday.

Elite morning plays a vital role in fostering pupils' self-expression. It provides a platform for them to express themselves, sharing their thoughts and ideas, and develop essential life skills.

Elite morning offers a unique opportunity for pupils to express themselves through various means, such as music, dance, poetry, sharing words of God or public speaking. This helps build confidence, creativity, and self-esteem, as pupils are encouraged to showcase their talents and interests. Moreover, it provides a safe space for pupils to share their thoughts and opinions on various topics, promoting critical thinking and effective communication.



Elite morning show

Elite morning helps pupils to develop essential life skills, such as teamwork, leadership, and problem-solving. Through participation in it, pupils learn to work together, take on responsibilities, and develop organizational skills. These skills are crucial for success in both academic and professional settings.

Elite morning helps to create a sense of community and belonging among students, teachers, and staff. By coming together to share experiences, celebrate achievements, and address challenges. As we have seen above, it develops a sense of unity and social responsibility. This, in turn, promotes a positive school culture and a supportive learning environment.

Sport promotion in Elite Parents School

By Albert Nshimiyimana (P4)

Elite Parents School knew that One man practicing sportsmanship is far better than a hundred teaching it. That is why regardless on only lessons, it provides a wide range of sporting opportunities to cater to the interests and abilities of all pupils. This includes team sports like karate, football, and volleyball, as well as individual activities such as running, jogging and yoga.

In our School, we prioritize physical education by integrating it into the regular curriculum. This ensures that pupils receive consistent exposure to sports and physical activities as part of their daily routine. On the School timetable, every Wednesday and Friday, pupils come to school in sports outfit, being helped by their teachers, they are given opportunity to do sports.

Not only that, but also the school encourages Active Playtime. This means that the school promotes active playtime by providing access to well-equipped playgrounds and encouraging structured physical activities during breaks. This helps pupils stay active throughout the day and reinforces the importance of regular exercise.

So far in Elite Parents School, we have a very strong football team where all players basing on their ages, they started to know their positions in a playground, passing the ball (one touch) to each other, and common playground rules. This is the best achievement, and we are ready now to start competitions with other schools in this coming academic year.

Lastly but not least, educating pupils about the health benefits of regular physical activity is crucial in promoting sports in primary schools. Highlighting how sports contribute to overall well-being, fitness, mental health, and academic performance can motivate them to participate actively.



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa mbere w'amashuri y'incuke (N1A)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa mbere w'amashuri y'incuke (N1B)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa kabiri w'amashuri y'inshuke (N2)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa gatatu w'amashuri y'inshuke (N3)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza (P1B)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa kabiri w'amashuri abanza (P2)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza (P3)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa kane w'amashuri abanza (P4)



Ifoto y'abanyeshuri biga mu mwaka wa gatanu w'amashuri abanza (P5)